<u>Ingingo ya 16:</u> Igihe amabwiriza atangira gukurikizwa	<u>Article 16:</u> Commencement	<u>Article 16:</u> Entrée en vigueur

AMABWIRIZA N°03/2012/SEZAR YO KUWA 20/12/2012 Y'URWEGO NGENZURAMIKORERE RW'IMIRIMO IKORERWA AHANTU HIHARIYE MU BY'UBUKUNGU MU RWANDA (SEZAR) AGENGA ABAKORERA MURI ZONE ZIHARIYE MU BY'UBUKUNGU

REGULATION N°03/2012/SEZAR OF 20/12/2012 OF THE SPECIAL ECONOMIC ZONES REGULATORY AUTHORITY OF RWANDA (SEZAR) GOVERNING SPECIAL ECONOMIC ZONES USERS

REGLEMENT N°03/2012/SEZAR DU 20/12/2012 DE L'OFFICE DE REGULATION DES ZONES ECONOMIQUES SPECIALES DU RWANDA (SEZAR) REGISSANT LES UTILISATEURS DES ZONES ECONOMIQUES SPECIALES

Urwego Ngenzuramikorere rw'imirimo ikorerwa ahantu hihariye mu by'ubukungu mu Rwanda (SEZAR),

The Special Economic Zones Regulatory Authority of Rwanda (SEZAR),

L'Office de Régulation des Zones Economiques Spéciales du Rwanda (SEZAR),

Rushingiye ku Itegeko n° 05/2011 ryo kuwa 21/03/2011 rigena Ahantu Hihariye mu by'Ubukungu mu Rwanda;

Pursuant to Law n° 05/2011 of 21/03/2011 regulating Special Economic Zones in Rwanda;

Vu la Loi n° 05/2011 du 21/03/2011 régissant les Zones Economiques au Rwanda ;

Rushingiye ku Iteka rya Minisitiri w'Intebe n° 21/03 ryo kuwa 05/03/2012 rigena ububasha, imiterere n'imikorere by'Urwego Ngenzuramikorere rwa za Zone Zihariye mu by'Ubukungu mu Rwanda cyane cyane mu ngingo ya ryo ya 4;

Pursuant to Prime Minister's Order n° 21/03 of 05/03/2012 determining the powers, organization and functioning of the Rwanda Special Economic Zones Authority especially in Article 4;

Vu l'Arrêté du Premier Ministre n° 21/03 du 05/03/2012 déterminant la compétence, l'organisation et le fonctionnement de l'Office de Régulation des Zones Economiques Spéciales du Rwanda spécialement en son article 4;

RUTANZE AMABWIRIZA AKURIKIRA:

ISSUES THE FOLLOWING REGULATION:

EMET LE REGLEMENT SUIVANT:

Ingingo ya mbere: icyo aya mabwiriza agamije

Article One: Purpose of this regulation

Article premier : Objet du présent règlement

Aya mabwiriza agamije kugena uburyo bwo gutanga impushya, uburenganzira n'inshingano z'abakorera muri Zone Zihariye mu by'Ubukungu.

This regulation regulates Special Economic Users licenses, rights and obligations.

Le présent règlement régit les modalités d'octroi des licences, les droits et les obligations des utilisateurs des Zones Economiques Spéciales.

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Muri aya mabwiriza, amagambo akurikira asobanurwa mu buryo bukurikira:

- 1° “**Igikorwa cy’ubukungu cyemewe**” ni igikorwa cyose cy’ubukungu cyemewe n’amategeko Ikigo cy’ubucuruzi cyemerewe gukorera muri Zone , kandi kikaba kitabujijwe n’Urutonde rw’Ibitemewe biri mu Iteka rya Minisitiri ufite Inganda n’Ubucuruzi mu nshingano ze;
- 2° “**Icyemezo**” ni icyemezo cya SEZAR ;
- 3° « **Zone** » ni Zone zihariye mu by’ubukungu cyangwa « ZES » mu magambo ahinnye y’icyongereza.

Ku yandi magambo adasobanuye muri aya mabwiriza hakurikizwa ibisobanuro byayo biteganyijwe mu Itegeko n° 05/2011 ryo kuwa 21/03/2011 rigena Ahantu Hihariye mu by’Ubukungu mu Rwanda nk ‘uko ryavuguruwe kandi ryujijwe kugeza ubu.

Ingingo ya 3: Gusaba uruhushya rwo gukorera muri Zone

Ikigo cyigenga cyangwa cya Leta, cyaba icy’abanyarwanda cyangwa abanyamahanga nka sosiyete y’ubucuruzi nini, sosiyete ntoya, abishyizehamwe, isosiyete y’umunyamigabane umwe, ishami rya sosiyete, sosiyete zishyize hamwe, ishyirahamwe, imiryango idaharanira inyungu, imiryango itegamiye kuri Leta cyangwa indi

Article 2: Definition of terms

For the purpose of this regulation, the terms bellow shall have the following meanings:

- 1° “**Authorized economic activity**” is any lawful economic activity that a Zone Enterprise is authorized to carry out in a Zone and which is not prohibited or restricted by the Negative List issued by Order of the Minister in charge of Industry and Trade;
- 2° “**Determination**” is SEZAR decision;
- 3° “**Zones**” mean Special Economic Zones or “SEZs” in abbreviation.

For other terms not defined in the present regulation it shall be referred to the meaning provided for by the Law n° 05/2011 of 21/03/2011 regulating Special Economic Zones in Rwanda.

Article 3: Zone user license application

Any privately or publicly owned entity whether of Rwandan or of foreign nationality, such as a corporation, company, partnership, sole proprietorship, branch, joint-venture, association, non-profit, non government organisation or other organization, may apply for a Zone User license.

Article 2: Définitions des termes

Aux fins du présent règlement, les termes ci-après ont les significations suivantes :

- 1° «**Activité économique autorisée** » est toute activité économique licite qu'une zone d'Enterprise est autorisée à effectuer dans une Zone et qui n'est pas interdite ou restreinte par la liste négative délivrée par arrêté du Ministre ayant l'Industrie et le Commerce dans ses attributions ;
- 2° “**Décision**” signifie la décision de SEZAR ;
- 3° « **Zones** » signifient les Zones Economiques Spéciales, ou « ZES » en sigles anglais.

Pour les autres termes non définis dans le présent règlement il faudra se référer à la Loi n° 05/2011 du 21/03/2011 régissant les Zones Economiques Spéciales au Rwanda.

Article 3: Demande de la licence d'utilisateur de Zone

Toute entité publique ou privée, soit de nationalité rwandaise ou de nationalité étrangère, telle qu'une société commerciale, une compagnie, un partenariat, une société unipersonnelle, une succursale, une entreprise commune, une société association, une association sans but lucratif, une organisation

Official Gazette n° 8 of 25/02/2013

miryango, gishobora gusaba uruhushya rwo gukorera muri Zone.

Nta kigo na kimwe gitangiza ibikorwa by'ubukungu muri Zone iyo ariyo yose kidafite uruhushya rwo gukorera muri iyo Zone rutangwa na SEZAR kandi rwanditse mu buryo yagennye. Ikigo kigomba kuba gifite uruhushya rwo gukorera muri Zone rutangwa na SEZAR kugira ngo cyemerwe nk'igikorera muri Zone kinagumane ubwo burenganzira.

Umuntu wese wifuzaga kubona uruhushya rwo gukorera muri Zone agomba gutanga inyandiko irusaba muri SEZAR.

Iyo SEZAR ifite ibiro muri Zone umuntu asabira uruhushya rwo gukorera, uko gusaba kugomba gutangwa kuri ibyo biro.

Amafaranga yo gusaba uruhushya ateganywa n'iteka rya Minisitiri ufite Ubucuruzi n'Inganda mu nshingano ze yishyurwa SEZAR muri icyo gihe cyo gutanga ubusabe.

Ugusaba kutujye ibisabwa ntikurebwa n'igihe ntarengwa cyashyizweho n'itegeko ryerekeye za Zone, aya mabwiriza cyangwa ibindi byemezo bishyira mu bikorwa iryo tegeko, kugeza igihe usaba yujye ibisabwa na SEZAR.

SEZAR igomba gutanga cyangwa kwimana uruhushya rwo gukorera muri Zone mu minsi itatu (3)

No entity shall undertake any economic activity in any Zone in the absence of a valid Zone User license issued by SEZAR in the form provided for by SEZAR. The entity must be the holder of a Zone User license granted by SEZAR to qualify as a Zone User and retain such legal status.

Any applicant wishing to obtain a Zone User license should submit an application with SEZAR.

When SEZAR has an office located in the Zone in which the applicant is applying for a Zone User license such application should be submitted to the said office.

The application fee determined by an Order of the Minister in charge of Trade and Industry shall be paid to SEZAR simultaneously with the submission of the application.

Incomplete applications shall not trigger the time-limits set forth in the law related to Zones, this Regulation or other implementing instruments until the applicant completes the application based on SEZAR's request.

SEZAR shall either grant or reject the granting of the Zone User license within three (3) working days

non gouvernementale ou autre organisation, peut demander une licence d'utilisateur de Zone.

Aucune entité ne doit entreprendre une activité économique dans une Zone quelconque, en l'absence d'une licence d'utilisateur de Zone valide délivrée par SEZAR dans la forme prévue par SEZAR. L'entité doit être titulaire d'une licence d'utilisateur de Zone octroyée par SEZAR pour être considéré comme utilisateur de Zone et conserver ce statut légal.

Tout candidat qui souhaite obtenir une licence d'utilisateur de Zone doit déposer sa demande auprès de SEZAR.

Lorsque SEZAR dispose d'un bureau situé dans une Zone dans laquelle le candidat postule pour une licence d'utilisateur de Zone, cette demande doit être déposée à ce bureau.

Les frais de demande fixés par un arrêté du Ministre ayant le Commerce et l'Industrie dans ses attributions sont payés à SEZAR au moment du dépôt de la demande.

Les demandes incomplètes ne déclenchent pas les délais fixés dans la loi relative aux Zones, le présent règlement ou dans d'autres textes d'application jusqu'à ce que le demandeur complète son dossier sur base des exigences de SEZAR.

SEZAR doit soit accorder ou refuser l'octroi de la licence d'utilisateur de Zone endéans trois

y'akazi uherye umunsi yakiriye dosiye yujuje ibyangombwa bisabwa. Iyo SEZAR yicecekeye, bisobanura ko yemeye ubusabe, igasabwa gutanga uruhushya rwo gukorera muri Zone. Ku mpamvu z'ikigamijwe muri iyi ngingo, SEZAR iha usaba inyemezabwakire y'ubusabe bwuzuye.

Iyo SEZAR ifashe umwanzuro utanyuze usaba, igomba kugaragaza ku buryo burambuye impamvu z'icyo cyemezo ndetse n'ingingo y'itegeko yashingiweho.

Uruhushya rwo gukorera muri Zone rugomba kugaragaza ibisabwa byihariye n'ibigomba kubahirizwa by'ingenzi mu bijyanye no gukora ibikorwa byemewe, Zone yihariye bigomba gukorerwamo n'ubwoko bwihariye bw'ibikorwa bizakorwa.

SEZAR ntiyemerewe kuba Ukorerera muri Zone.

Ingingo ya 4: Inyandiko zitangwa n'usaba uruhushya

SEZAR igenzura ubusabe n'inyandiko zisabwa mbere yo gufata icyemezo.

Ibyangombwa bisabwa bigomba kuba birimo ibi bikurikira:

1° Ibyangombwa bya Sosiyete bireba usaba:

from the date of submission of a complete application. The silence of SEZAR shall be deemed as approval and SEZAR shall thereafter be required to issue the required Zone User license. For purposes of this Article, SEZAR shall submit to the applicant a receipt of submission of complete application.

Any unfavorable decision of SEZAR with respect to an application should set forth a detailed statement of the reasons for the decision, together with the legal basis for the Determination.

The Zone User license shall set forth any specific terms and conditions pertaining to the exercise of the said licensed activity, the specific Zone where the activity shall be conducted and the specific type of activity to be conducted.

SEZAR shall not be allowed to be a User in a Zone.

Article 4: Required documents for an applicant

SEZAR shall review the application and the required documents before making a determination.

The required documents that should be submitted with the application should include the following:

1° Corporate documents as applicable to the applicant:

(3) jours ouvrables à compter de la date de dépôt d'une demande complète. Le silence de SEZAR est considéré comme approbation et SEZAR sera par la suite tenu de délivrer la licence d'utilisateur de Zone requise. Aux fins du présent article, SEZAR soumet au demandeur un récépissé de dépôt de la demande complète.

Toute décision non favorable de SEZAR sur une demande doit inclure un exposé détaillé des motifs de la décision, ainsi que la base légale de cette dernière.

La licence d'utilisateur de Zone doit énoncer toute condition particulière ainsi que les modalités pertinentes relatives à l'exercice de l'activité autorisée, la Zone spécifique où l'activité doit être effectuée et le type d'activité spécifique à mener.

SEZAR n'est pas autorisé à agir en tant que utilisateur dans une Zone.

Article 4: Documents requis au demandeur

SEZAR examine la demande et les documents requis avant de prendre une décision.

Les documents requis qui doivent être déposés avec la demande doivent comprendre les éléments suivants:

1° Les documents de la société applicables au demandeur:

Official Gazette n° 8 of 25/02/2013

- | | | |
|--|---|--|
| a. kopi y'icyemezo cy'uko sosiyete ikorera mu Rwanda; | a. copy of certificate of incorporation in Rwanda; | a. une copie du certificat de constitution au Rwanda; |
| b. amategeko shingiro, amategeko ngengamikorerecyangwa inyandiko y'ubwumvikane; | b. articles of incorporation, bylaws or memorandum of association; | b. des statuts, règlements intérieur ou acte constitutif; |
| c. ibaruwa ishyiraho abagize Inama y'Ubuyobozi, Perezida wa yo n'Umuyobozi Mukuru bariho muri icyo gihe; | c. instrument of appointment of current board members, chairman and Chief Executive Officer; | c. acte de nomination des membres du Conseil d'Administration, du Président du Conseil d'Administration et du Directeur Général en exercice à ce moment; |
| d. inyandiko yemewe n'amategeko ishyiraho abafite ububasha bwo gusinya; | d. legal instrument setting the signatory rights; | d. un acte légal définissant les droits des signataires; |
| e. urutonde rw'abanyamigabane n'imigabane yabo; | e. list of shareholders with respective shareholding; | e. une liste des actionnaires avec leurs parts respectives; |
| f. inyandiko y'ikigo itanga uburenganzira bwo gukora ishoramari muri Zone harimo icyemezo cy'abanyamigabane n'icy'inama y'ubuyobozi. | f. corporate instrument authorizing the investment in the Zone such as shareholders' resolution and board resolution. | f. un acte de l'entreprise autorisant l'investissement dans la Zone notamment la résolution des actionnaires et la résolution du Conseil d'administration. |
| 2° Inyandiko n'amakuru bijyanye no gusaba uruhushya rwo gukorera muri Zone: | 2° Documents and information for a Zone User license application: | 2° Les documents et les renseignements pour la demande de licence d'utilisateur de Zone: |
| a. ibisobanuro birambuye by'ibikorwa by'ubukungu biteganyijwe; | a. a detailed description of the planned economic activities; | a. une description détaillée des activités économiques prévues; |
| b. uruhushya rwo gukora ubucuruzi rwemewe cyangwa gihamya y'uko wasabye urwo ruhushya; | b. a valid business license/permit or proof of filing a request for such license/permit; | b. une licence/permis d'exploitation valide ou la preuve du dépôt du dossier de demande de cette licence/permis; |

c. gahunda y'ibikorwa n'igihe bizatangirira.

c. an action plan including the proposed timeframe to commence activities.

c. un plan d'action comprenant le délai proposé de commencer les activités.

Ingingo ya 5: Uburenganzira bw'ukorerwa muri Zone

Article 5: Zone user Rights

Article 5 : Droits de l'utilisateur de Zone

Ukorerwa muri Zone afite uburenganzira bwemewe n'amategeko bukurikira:

A Zone user shall enjoy the following legal rights:

L'utilisateur de Zone jouit des droits légaux suivants:

1° gukorera muri Zone ibikorwa by'ubukungu byemewe nk'uko bigaragara mu ruhushya rwo gukorera muri Zone. Ihindurwa iryo ari ryo ryose ry' ibi bikorwa rigomba kubanza kwemezwa na SEZAR.

1° to conduct in the Zone the Authorized Economic Activity specified in the Zone User license. Any amendment thereof shall need the prior approval of SEZAR;

1° mener dans la Zone l'activité économique autorisée spécifiée dans la licence d'utilisateur de Zone. Toute modification de celle-ci requiert l'approbation préalable de SEZAR ;

2° guhabwa ubutaka n'indi mitungo bya Zone nk'uko biteganywa n'amabwiriza yihariye;

2° to acquire Zone Lands and other assets as per specific regulations;

2° acquérir des terres de la Zone et d'autres actifs tel que prévu par des règlements particuliers ;

3° kwemera muri Zone iyo ari yo yose, kohereza ibicuruzwa hanze y'igihugu, kugurisha ibicuruzwa na serivisi by'ibyciro n'ubwoko bwose mu turere twose tw'igihugu hakurikijwe itegeko ryerekeye za Zone n'ishyirwa mu bikorwa rya ryo muri Zone;

3° to admit into any Zone, export outside the national territory, and sell in the domestic territory all classes or kinds of goods and services in accordance with the Zones Law and Zone implementing legislation;

3° admettre dans une Zone quelconque, l'exportation en dehors du territoire national, et les ventes sur le territoire national de toutes les catégories ou sortes de biens et services conformément à la loi relative aux Zones et à ses textes d'application dans la Zone;

4° kugaragaza ibyciro ku bicuruzwa bye byose na serivisi bicuruzwa imbere muri Zone cyangwa hanze yayo;

4° to determine the prices of any of his/her goods and services sold inside or outside the Zone;

4° fixer les prix de tous ses biens et services vendus à l'intérieur ou à l'extérieur de la Zone;

5° gutanga akazi ku benegihugu n'abanyamahanga, harimo n'abayobozi bakuru nta vangura iryo ari ryo ryose uretse ibiteganywa n'amategeko agenga umurimo ndetse n'aya za Zone;

5° to employ nationals and foreigners, including managers, without any legal impediments or restrictions, subject to applicable national labor law and Zones legislations.

5° employer les nationaux et les étrangers, y compris les responsables, sans discrimination aucune sauf ce qui serait prévu par la législation nationale sur le

- | | | |
|---|---|--|
| 6° kwita ku bikorwa bya Zone mu buryo ubwo ari bwo bwose butanyuranyije n'amategeko; | 6° to manage Zones' activities in any manner consistent with applicable Law; | 6° gérer les activités de la Zone de toute manière conforme à la législation applicable; |
| 7° kubona inyungu mu bikorwa bitandukanye biteganyijwe mu itegeko ryerekeye za Zone n'amategeko yerekeye ishyirwa mu bikorwa rya ryo muri Zone harimo ahantu hamwe hatangirwa serivisi zinyuranye, ibikorwa remezo, imihango yo korohereza ubucuruzi; | 7° to benefit from the various benefits provided for in the Law related to Zones and the Zone implementing legislation including the one-stop-shops, infrastructure, streamlined business procedures; | 7° bénéficier de divers avantages prévus par la loi relative aux Zones et aux règlements d'application de cette dernière dans les Zones, y compris les guichets uniques, les infrastructures, les procédures commerciales simplifiées; |
| 8° gukoresha uburenganzira ubwo ari bwo bwose bwemewe n'amategeko agenga za Zone. | 8° to exercise any other legal rights set out in the Zones legislation. | 8° exercer d'autres droits légaux prévus par la législation sur les Zones. |

Ingingo ya 6: Inshingano z'ukorerwa muri Zone

Article 6: Zone user Obligations

Article 6 : Obligations de l'utilisateur de Zone

Ukorera muri Zone agomba :

The Zone user must:

L'utilisateur de Zone doit:

- | | | |
|---|--|--|
| 1° kubahiriza ibisabwa byose n'itegeko, kwirinda ibyo atemerewe, n'ibibujijwe hakurikijwe amategeko abigenga nk' itegeko ryerekeye za Zone, ayerekeye ishyirwa mu bikorwa ry'iryo tegeko muri Zone, uruhushya rwo gukorera muri Zone kimwe n'amabwiriza n'imihango bikoreshwa muri Zone ; | 1° comply with all legal obligations, restrictions, and prohibitions arising under applicable Law, including the Law related to Zones, the Zone implementing legislation, the Zone User license, and applicable Zone operating rules and procedures; | 1° se conformer à toutes les obligations légales, restrictions et interdictions prévues par les lois applicables notamment la loi relative aux Zones, les textes d'application de cette dernière dans les Zones, la licence d'utilisateur de Zone ainsi que les règles et les procédures de fonctionnement des Zones applicables ; |
| 2° kugura cyangwa gukodesha, no gutunga amazu y'amacumbi muri Zone mu buryo bwubahirije amategeko, harimo n'Itegeko Nshinga mu gihe cy'amezi abiri (2) uhereye itariki uruhushya rwo gukorera muri Zone rwatangiwe; | 2° acquire or lease and take possession of, real estate within a Zone in accordance with applicable Law, including the Constitution within two (2) months from the date the Zone User license is obtained; | 2° acquérir ou louer et prendre possession de l'immobilier dans une Zone conformément à la loi applicable, y compris la Constitution dans deux (2) mois à compter de la date à laquelle la licence d'utilisateur de Zone est obtenue; |

Official Gazette n° 8 of 25/02/2013

- | | | |
|--|---|---|
| 3° gukorana na SEZAR n'izindi nzego zose za Leta zibifitiye ububasha atanga inyandiko cyangwa raporo zisabwa no gusubiza ibibazo byose bibajijwe; | 3° cooperate with SEZAR and all Competent Governmental Bodies by submitting all documents, books, or accounts requested and answering any questions posed; | 3° coopérer avec SEZAR et toutes les autres organes de l'Etat compétents en transmettant tous les documents, livres ou rapports exigés et en répondant aux questions posées ; |
| 4° guha SEZAR buri mwaka raporo y'imikorere ikubiyemo amakuru ajyanye n'ishoramari, itangwa ry'akazi, igurisha, kohereza no kuvana ibicuruzwa mu mahanga; | 4° submit to SEZAR on a yearly basis a performance report including information on investment, employment, sales, exports and imports; | 4° transmettre annuellement à SEZAR un rapport sur le rendement, comprenant les informations sur l'investissement, l'emploi, les ventes, les exportations et les importations; |
| 5° gukora ibikorwa by'ubukungu byemewe bivugwa mu ruhushya rwo gukorera muri Zone nyuma yo kubona impushya zose zisabwa mu itegeko keretse hari ukundi bivugwa muri kontaro ; | 5° carry out the Authorized Economic Activities specified under the Zone User license upon receipt of all licenses required under Applicable Law unless otherwise specifically stated in the contract; | 5° effectuer les activités économiques autorisées spécifiées dans la licence d'utilisateur de Zone dès la réception de tous les permis exigés conformément à la loi en la matière, sauf disposition contraire prévu dans le contrat ; |
| 6° guhabwa urundi ruhushya rwose rusabwa n'itegeko rikurikizwa; | 6° obtain any other licenses required under applicable law; | 6° obtenir tout autre licence exigé par la loi applicable; |
| 7° guhabwa icyemezo na SEZAR mbere y'uko agira ikintu icyo ari cyo cyose ahindura ku biteganyijwe mu ruhushya rwo gukorera muri Zone yari yahawe; | 7° obtain the approval of SEZAR prior to any change that shall affect the conditions upon which the Zone User license was granted; | 7° obtenir l'approbation préalable de SEZAR avant toute modification qui affecterait les conditions dans lesquelles la licence d'utilisateur de Zone a été accordé ; |
| 8° kwandika mu bitabo bye amakuru yose abona y'ingenzi ku mpamvu z'imisoro n'igenzura rya gasutamo nk'ingano y'ibintu biri mu bubiko, ibyakoreshajwe, agaciro k'ibyoherezwa n'ibiva mu mahanga n'ingano y'ibigurishwa imbere mu gihugu, bigakorerwa igenzura n'isuzuma n'abakozi ba gasutamo nk'uko bikenewe na SEZAR; | 8° make a note in his/her registers of any information deemed necessary for tax and customs control purposes such as, inventories, consumption utilization of goods, value of imports and exports and sales to the domestic territory, which shall be subject to control, inspection, and verification by the customs national authorities, and as needed by SEZAR; | 8° noter dans ses registres toute information jugée nécessaire pour des fins de contrôle fiscal et douanier tels que, la quantité des biens en stocks, ceux utilisés, la valeur des importations et des exportations ainsi que celle des ventes sur le territoire national qui sont soumis au contrôle, à l'inspection, et à la vérification par les agents |

- 9° gutunganya uko bikenewe imyanda kugira ngo igere ku rwego rwo kujugunywa mu kimoteri rusange cya Zone nk'uko bisabwa n'amategeko agenga icungwa ry'imyanda muri Zone;
- 9° treat as necessary the waste to a level sufficient to be discharged to the general waste treatment facility of the Zone as per waste management rules in the Zone;
- 9° traiter les déchets comme il le faut afin qu'ils soient en mesure d'être évacués vers l'installation générale de traitement des déchets de la Zone conformément aux règles de gestion des déchets dans la Zone;
- 10° kugira konti n'ibitabo by'ibaruramari byihariye by'ibikorwa akorera muri Zone mu gihe afite ibindi bikorwa by'ubucuruzi akorera hanze ya Zone cyangwa mu zindi Zone.
- 10° maintain distinct and separate accounts and books from his/her activities within Zones if he/she conducts business outside the Zone or in other Zones as well.
- 10° tenir différemment et séparément les comptes et les livres de ses activités au sein des Zones lorsqu'il exerce des activités en dehors de la Zone ou dans d'autres Zones.

Ingingo ya 7 : Iyamburwa, ihagarikwa cyangwa ivanwaho ry'uruhushya rwo gukorera muri Zone

Iyo habayeho kunyuranya n'Itegeko rigenga za Zone, ayerekeye ishyirwa mu bikorwa rya ryo muri Zone, uruhushya rwo gukorera muri Zone cyangwa irindi tegeko rikurikizwa n'abakoresha Zone, SEZAR ishobora kwambura cyangwa guhagarika uruhushya kuri byose cyangwa kuri bimwe hakoreshejwe icyemezo nyuma yo guha ukorera muri Zone iminsi mirongo itatu (30) y'integuza hakoreshejwe inyandiko kandi hakubahirizwa ingamba zose zo kumurengera ziteganyijwe muri aya mabwiriza kandi ukorera muri Zone agahabwa amahirwe yo kwisobanura mu buyobozi.

Hatitawe ku bubasha rusange SEZAR ifite buvugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, SEZAR ishobora

Article 7: Revocation, Suspension, or Cancellation of Zone User Licenses

In the event of violations of the law related to Zone, the Zone implementing legislation, his/her Zone User license, or other applicable Law by the Zone User, SEZAR may revoke or suspend in whole or in part the Zone User license by virtue of a Determination after having provided the Zone User with thirty (30) calendar days' prior written notice and respected all due-process safeguards set forth in this Regulation, and afforded the Zone User an opportunity for an administrative hearing.

Notwithstanding SEZAR's general powers under Paragraph One of this Article, SEZAR may

Article 7 : Révocation, suspension ou annulation de la licence d'utilisateur de Zone

En cas de violation de la loi relative aux Zones, de ses mesures d'application dans les Zones, de la licence d'utilisateur de Zone ou d'une autre loi applicable par l'utilisateur de Zone, SEZAR peut révoquer ou suspendre en tout ou en partie la licence d'utilisateur de Zone en vertu d'une décision, après avoir donné à l'utilisateur de Zone un préavis écrit de trente (30) jours calendriers et après avoir respecté toutes les mesures de protection prévues par le présent règlement ainsi qu'après avoir accordé à l'utilisateur de Zone l'opportunité de se justifier auprès de l'administration.

Sous réserve des compétences générales de SEZAR prévues à l'alinéa premier du présent

Official Gazette n° 8 of 25/02/2013

kwambura uruhushya kuri byose rwo gukorera muri Zone hakoreshejwe icyemezo ku mpamvu zivugwa mu duce dukurikira tw'iki gika, icyakora, bigakorwa mu buryo bwubahirije ingamba zo gukumira akarengane ziteganyijwe muri aya mabwiriza by'umwihariko mu ngingo ya 6 :

- 1° ukorerera muri Zone ananiwe kugura cyangwa gukodesha no gutunga imyubako ya Zone mu gihe cy'amezi abiri (2) uhereye ku minsi yaherewe uruhushya rwo gukorera muri Zone;
- 2° ukorerera muri Zone ashaka ko amategeko y'u Rwanda cyangwa y'ikindi gihugu icyo ari cyo cyose amurengera ku bijyanye n'igihombo cyangwa ukudashobora kwishyura imyenda byamugwirira;
- 3° Inyandiko igaragaza ko habaye igihombo, gushyiraho umuzahura mutungo, umucungamutungo cyangwa undi muntu wo gucunga ikigo, cyangwa n'ikindi gikorwa cyose gisa n'ibyo kiregwa ikigo cy'ubucuruzi, byaba ku bushake bwe cyangwa nta ruhare yabigizemo, ntabyangirwe mu minsi mirongo itatu (30) kuva bayakiriye;
- 4° ukorerera muri Zone yatanze amakuru, imenyekanisha cyangwa guhagara-rirwa birimo ibinyoma mu gusaba uruhushya akaba aribyo SEZAR yashinyeho itanga uruhushya rwo gukorera muri Zone;
- 5° ukorerera muri Zone yishoye mu bikorwa bibujijwe, binyuranyije n'amategeko cyangwa

specifically withdraw in whole the Zone User license by virtue of a Determination in the cases below provided that it complies with all due-process safeguards set out in this Regulation, and in particular in Article 6:

- 1° the Zone User fails to acquire or lease and enter into the possession of Zone real estate, within two (2) months from the date the Zone User license is obtained;
- 2° the Zone User seeks bankruptcy or insolvency protection under Rwandan laws or any foreign jurisdiction;
- 3° a petition for bankruptcy, the appointment of a trustee, receiver, or other custodian, or any other similar action is filed against such Enterprise, whether voluntary or involuntary, and is not dismissed within thirty (30) calendar days of such filing;
- 4° the Zone User provided false information, declarations, or representations in his/her application upon which SEZAR relied when granting the Zone User license;
- 5° the Zone User has engaged in any prohibited, unlawful, or illicit activity specified under

article, SEZAR peut particulièrement retirer, en totalité la licence d'utilisateur de Zone par une décision dans les cas ci-dessous pour autant qu'il respecte toutes les mesures de protection prévues dans le présent règlement, et en particulier dans l'article 6:

- 1° l'utilisateur de Zone ne parvient pas à acquérir ou louer et prendre possession d'un immeuble de la Zone, endéans deux (2) mois à compter du jour où la licence d'utilisateur de Zone est obtenue;
- 2° l'Utilisateur de Zone cherche la protection contre la faillite ou l'insolvabilité en vertu des lois du Rwanda ou de toute pays étrangère;
- 3° une déclaration de faillite, la nomination d'un syndic, d'un séquestre ou autre dépositaire, ou toute autre action semblable est formée contre une telle entreprise qu'elle soit volontaire ou involontaire, et qu'elle n'est pas rejetée endéans trente (30) jours calendriers à compter de ce dépôt;
- 4° l'Utilisateur de Zone a fourni de fausses informations, déclarations ou une fausse représentation dans sa demande sur laquelle SEZAR s'est basé lors de l'octroi de la licence d'utilisateur de Zone;
- 5° l'Utilisateur de Zone s'est livré à toute activité interdite, illégale ou illicite

Official Gazette n° 8 of 25/02/2013

bitemewe bigaragara mu itegeko rikurikizwa, mu itegeko ryerekeye za Zone cyangwa mu ishyirwa mu bikorwa ryaryo, cyangwa mu ruhushya rwe rwo gukorera muri Zone ;

6° ukorerwa muri Zone yamburwa uburenganzira ubwo ari bwo bwose bwo gukorera muri Zone nyuma y'iyamburwa, ihagarikwa n'ivanwaho ry'uruhushya byo gukorera muri Zone nk'uko biteganyijwe muri iyi ngingo.

Hatitawe ku bivugwa mu gika cya mbere n'icya 2 by'iyi ngingo, SEZAR ishobora guha ibihano byo mu rwego rw'akazi, guca ihazabu, cyangwa ibindi bihano aho kwambura, guhagarika cyangwa kuvanaho uruhushya rwo gukorera muri Zone ikurikije ubushishozi mu miyoborere yayo, iyo habayeho kunyuranya ku buryo bworoheje n'itegeko rikurikizwa;

Iyamburwa, ihagarikwa n'ivanwaho by'uruhushya rwo gukorera muri Zone cyangwa guhagarika ku bushake ibikorwa byakorerwaga muri Zone, bishobora gutuma SEZAR ikoresha uburenganzira bwayo bwo gusesa amasezerano yo gukodesha cyangwa gusubirana ubutaka bwa Zone n'imitungo itimukanwa hubahirijwe imihango yashyizweho n'amategeko yerekeye ishyirwa mu bikorwa ry'itegeko ryerekeye za Zones, harimo n'iteka rya minisitiri rigenga ubutaka buri muri za Zone.

applicable law, in the law related to Zones or implementing legislation, or in his/her Zone User license;

6° a Zone User shall cease to be entitled to any of the legal rights under the Law related to Zones upon the revocation, suspension, or cancellation of a Zone User license pursuant to this Article.

Notwithstanding Paragraph One and 2 of this Article, SEZAR may impose and collect, in accordance with its administrative discretion, administrative penalties, fines, or other sanctions in lieu of revoking, suspending, or canceling the Zone User license, for any minor violations under applicable law.

The revocation, suspension, or cancellation of a Zone User license or the voluntary suspension of Zone User activities, would result in the right of SEZAR to revoke the lease agreement or reclaim the Zone Lands and real properties in accordance with the procedure set-out in the anti-speculation provision provided for under the Zones implementing legislations including the Zones Land Ministerial Order.

spécifiée par la loi applicable, dans la loi relative aux Zones ou dans ses mesures d'application ainsi que dans sa licence d'utilisateur de Zone ;

6° un utilisateur de Zone cesse d'être titulaire de tout droit légal prévu dans la loi relative aux Zones par révocation, suspension ou annulation d'une licence d'utilisateur de Zone conformément au présent article.

Sous réserve des dispositions de l'alinéa premier et 2 du présent article, SEZAR peut imposer et percevoir, en vertu de sa discrétion administrative, des sanctions administratives, des amendes ou d'autres sanctions au lieu de la révocation, de la suspension ou de l'annulation de la licence d'utilisateur de Zone, en cas de petite violation conformément à la loi applicable.

La révocation, la suspension ou l'annulation d'une licence d'utilisateur de Zone ou la suspension volontaire des activités de l'utilisateur de Zone, peut donner à SEZAR le droit d'annuler le contrat de bail ou de récupérer les terres et les biens immobiliers de la Zone conformément à la procédure de lutte contre la spéculation prévue par la législation de mise en application de la loi relative aux Zones, y compris l'arrêté ministériel régissant les terres des Zones.

Ingingo ya 8 : Guhagarika ku bushake ibikorwa muri Zone

Igihe cyose ukorera muri Zone yiyemeje guhagarika by'igihe gito cyangwa burundu, cyangwa kureka ku bushake ibikorwa by'ubukungu yari yemerewe gukora, agomba guha SEZAR integuza mu nyandiko y'igihe cy'iminsi mirongo itatu (30) mbere yo gutangira icyo gikorwa. Ukorera muri Zone yishyura SEZAR cyangwa Ucunga Zone ibyo yagombaga kwishyura byose mbere yo gukura ibikorwa bye muri Zone. Kutubahiriza iri menyesha rikubiye muri iyi ngingo no kutishyura ibyo agomba byose bihanishwa igihano cyo mu rwego rw'akazi, ihazabu cyangwa ibihano biteganyijwe na SEZAR hiyongereyeho uburenganzira bwo gufatira no guteza cyamura imitungo.

Haseguriwe itegeko rikurikizwa n'ubundi burenganzira ubwo ari bwo bwose buteganywa mu masezerano, harimo by'umwihariko uburenganzira bw'ababerewemo umwenda, guhagarika ibikorwa by'ubukungu muri Zone mu gihe cy'iminsi mirongo itandatu (60) ikurikiranye bituma habaho guhagarika nta mpaka cyangwa kuvanaho uruhushya rwo gukorera muri Zone nk'uko biteganywa n'itegeko, keretse ukorera muri Zone asabye SEZAR mu nyandiko ko yongererwa igihe, SEZAR ikabimwemerera mu nyandiko.

Ukorera muri Zone yamburwa uburenganzira ahabwa n'amategeko bugaragara mu itegeko rigenga za Zone cyangwa mu ishikirwa mu bikorwa ryaryo iyo habayeho kwamburwa, guhagarikirwa no gukurirwaho uruhushya rwo gukorera muri Zone, keretse hari ukundi byateganyijwe ku buryo bugaragara, mu gihe

Article 8: Voluntary Suspension of a Zone User Activities

Whenever a Zone User voluntarily decides to suspend, discontinue, or cease his/her Authorized Economic Activities, he/she shall provide SEZAR with thirty (30) calendar days' prior written notice before undertaking such action. The Zone User shall pay to SEZAR or Operator all the payments due to it before he/she can remove his/her assets from the Zone. Failure to comply with this notification requirement and of the payment of his/her dues shall result in the imposition of administrative penalties, fines, or sanctions prescribed by SEZAR in addition to the right of seizure and auctioning off of the assets.

Subject to applicable Law and any contractual right, including in particular creditors' rights, the cessation of business operations by a Zone User for a continuous period of sixty (60) calendar days shall result in the automatic revocation or cancellation of the Zone User license by operation of the Law, unless the Zone User submits to SEZAR a written request for an extension that SEZAR approves in writing.

A Zone User shall cease to be entitled to any of the legal rights arising under the law related to Zones or its implementing legislation upon the suspension, revocation or cancellation of the Zone User license, except as otherwise specifically provided for during operations wind-down on a transitional basis by

Article 8: Suspension volontaire des activités d'un utilisateur de Zone

Chaque fois qu'un utilisateur de Zone décide volontairement de suspendre, interrompre ou cesser ses activités économiques autorisées, il doit donner à SEZAR un préavis écrit de trente (30) jours calendriers avant d'entreprendre une telle action. L'utilisateur de Zone doit payer à SEZAR ou à l'exploitant tous les paiements qui lui sont dus avant de pouvoir retirer ses avoirs de la Zone. Le non respect de cette obligation de notification et de paiement de ce qu'il doit entraîne l'imposition de sanctions administratives, des amendes ou des sanctions prévues par SEZAR en plus du droit de saisie et de vente aux enchères des actifs.

Sous réserve des lois applicables et tout droit contractuel, y compris particulièrement les droits des créanciers, la cessation des activités commerciales par un utilisateur de Zone pour une période continue de soixante (60) jours calendriers entraîne la révocation automatique ou l'annulation de la licence d'utilisateur de Zone par effet de la loi, à moins que l'utilisateur de Zone dépose auprès de SEZAR une demande écrite pour une extension que SEZAR approuve par écrit.

Un utilisateur de Zone perd tout droit légal découlant de la loi relative aux Zones ou de ses textes d'application dès la suspension, révocation ou annulation de la licence d'utilisateur de Zone, sauf disposition expresse contraire prévue pendant la réduction à titre

cyo kugabanya ibikorwa bikoze na SEZAR.

Ingingo ya 9: Itangwa cyangwa ihererekanya ry'icyemezo cy'ukorera muri Zone n'ingaruka bigira

Iyo ukorera muri Zone ashaka gutanga cyangwa guhererekanya uruhushya rwe rwo gukorera muri Zone n'undi muntu, ashobora kubikora apfa kuba yabyemerewe na SEZAR binyuze mu nyandiko mbere y'iherekanya.

Uwahawe uruhushya rwo gukorera muri Zone asabwa gutanga ibyangombwa byose nk'ibyasaba bwa mbere uruhushya rwo gukorera muri Zone biteganyijwe muri aya mabwiriza kandi agakurikiza inzira zose binyuramo. Iyo SEZAR yemeye ihererekanya, uruhushya rushya rwo gukorera muri Zone ruhabwa uwakorewe ihererekanya.

Uwahawe uruhushya agira uburenganzira n'inshingano ku ruhushya rwo gukorera muri Zone ihererekanya rikirangira.

Ukorera muri Zone ntiyemerewe guhererekanya ubutaka n'imitungo itimukanwa byose cyangwa igice cyabwo biri muri Zone byaba ari ku buntu cyangwa kubikodesha, harimo n'amasezerano yo gukodesha agace gato, keretse iri hererekanya ryemejwe n'urwego rubishinzwe na SEZAR. Ihererekanya ryemewe ry'uruhushya rwo gukorera muri Zone rigomba guherekezwa n'iherekanya ry'ubutaka n'indi mitungo itimukanwa ifitanye isano na Zone bigahabwa ukorera muri Zone mushya.

SEZAR.

Article 9: Assignment or transfer of the Zone User Licence and its incidence

If the Zone User wishes to assign or transfer his/her Zone User license to a third party, it can do so provided the approval of SEZAR is duly obtained in writing prior to the transfer.

The beneficiary of a Zone User license transfer shall be required to submit all documents that are ordinarily required under an initial application for a Zone User license under this Regulation and shall follow the same procedure. In case SEZAR approves the transfer, a new Zone User license shall be granted to the transferee

The transferee shall assume all rights and obligations of the Zone User license upon effectiveness of such transfer.

No Zone User shall transfer in whole or in part his/her Zone Lands and real properties whether on a freehold or leasehold basis including a sub-leasing arrangement, unless such transfer is approved by the entity in charge and SEZAR. The approved transfer of the Zone User license would be accompanied by the transfer of the related Zone Land and real properties to the new Zone User.

transitoire des opérations par SEZAR.

Article 9: Cession ou transfert de la licence d'utilisateur de Zone et son incidence

Si l'Utilisateur de Zone souhaite céder ou transférer sa licence d'utilisateur de Zone à un tiers, il peut le faire à condition que l'approbation de SEZAR soit dûment obtenue par écrit avant le transfert.

Le bénéficiaire d'un transfert de licence de l'utilisateur de Zone est tenu de déposer tous les documents qui sont normalement exigés lors d'une demande initiale de licence d'utilisateur de Zone en vertu du présent règlement et doit suivre la même procédure. Au cas où SEZAR approuve le transfert, une nouvelle licence d'utilisateur de Zone doit être accordée au cessionnaire.

Le cessionnaire prend en charge tous les droits et obligations de la licence d'utilisateur de Zone aussitôt que le transfert devient effectif.

Aucun utilisateur de Zone ne doit transférer, en totalité ou en partie ses terres et biens immobiliers de la Zone que ce soit en franche tenure ou en tenure à bail, y compris un contrat de sous-location, à moins que ce transfert ne soit approuvé par l'entité en charge et SEZAR. Le transfert approuvé de la licence d'utilisateur de Zone doit être accompagné par le transfert des terres et des biens immobiliers ayant un rapport avec la Zone au nouvel utilisateur de

Ihererekanya iryo ari ryo ryose rinyuranyije n'ibivugwa muri iyi ngingo nta gaciro rihabwa kandi SEZAR ifite uburenganzira bwo kwambura uwahawe uruhushya rwo gukorera muri Zone cyangwa abagiranye amasezerano bombi mu bushishozi bwayo.

Ingingo ya 10: Ipiganwa ryigenga kandi risesuye

Nta na rimwe SEZAR ishyiraho umubare ntarengwa w'abakorera muri Zone bakora ibikorwa bimwe muri Zone imwe.

Ingingo ya 11: Igitabo cy'abakorera muri Zone

SEZAR igira igitabo cy'abakorera muri Zone kuri buri Zone cyandikwamo amakuru ajyanye n'abakorera muri Zone ndetse n'andi makuru ajyanye n'Abubaka n'Abacunga Zone yemejwe na SEZAR.

Ingingo ya 12: Guha ububasha Ucunga Zone

SEZAR ishobora guha Ucunga Zone uburenganzira buteganyijwe n'amabwiriza harimo ububasha bwo gutanga uruhushya rwo gukorera muri Zone no kwakira amafaranga y'abasaba impushya zo gukorera muri Zone.

Ingingo ya 13: Ingamba zo gukurikirana ibikorwa

SEZAR cyangwa Ucunga Zone afata ingamba za

Any transfer that violates this Article shall be ipso facto considered null and void and entitle SEZAR to withdraw the Zone User license of one or both parties to the transaction, at its discretion.

Article 10: Free and Open Competition

SEZAR shall not in any case restrict the number of Zone Users conducting the same activities within the same Zone.

Article 11: Zone Users Register

SEZAR shall maintain a Zone Users Register for each Zone where information on Zone Users shall be recorded in addition to other relevant information on Developers and Operators, to be specified by SEZAR.

Article 12: Delegation of power to the Operator

SEZAR may delegate to the Operator the rights provided for under appropriate regulations including the power to issue Zone User license and collect application fees for Zone Users license.

Article 13: Monitoring measures

SEZAR or Operator shall take the necessary

Zone.

Tout transfert qui viole cette disposition est ipso facto considéré comme nul et non avvenu et donne à SEZAR le droit de retirer la licence d'utilisateur de Zone de l'une ou des deux parties à la transaction, à sa discrétion.

Article 10: Concurrence libre et ouverte

SEZAR ne doit en aucun cas restreindre le nombre d'utilisateurs de Zone ayant les mêmes activités au sein d'une même Zone.

Article 11: Registre des utilisateurs de Zone

SEZAR doit garder le registre des utilisateurs de Zone pour chaque Zone où les informations sur les utilisateurs de Zone doivent être enregistrées en plus de toute autre information pertinente sur les promoteurs et les exploitants, qui seront spécifiés par SEZAR.

Article 12: Délégation de pouvoir à l'exploitant

SEZAR peut déléguer à l'exploitant les droits prévus par la réglementation appropriée, y compris le pouvoir de délivrer la licence d'utilisateur de Zone et de percevoir les frais de demande des licences d'utilisateur de la Zone.

Article 13: Mesures de surveillance

SEZAR ou l'exploitant prend les mesures

Official Gazette n° 8 of 25/02/2013

ngombwa zo gukurikirana iyubakwa n'icungwa rya Zone.

measures to monitor the development and operation of the Zone.

nécessaires pour contrôler la promotion et l'exploitation de la Zone.

Ingingo ya 14: Ururimi amabwiriza yateguwemo

Article 14: Language in which this regulation was drafted

Article 14: Langue dans laquelle le présent règlement a été préparé

Aya mabwiriza yateguwe mu rurimi rw'Icyongereza.

This regulation was drafted in English.

Le présent règlement a été préparé en anglais.

Mu gihe habayeho kutumvikana kimwe kw'aya mabwiriza mu ndimi eshatu zikoreshwa mu butegetsi hitabwa ku bikubiye mu rurimi rw'icyongereza.

In case of conflict between the three official languages, the English version shall prevail.

En cas de contradiction entre les trois langues officielles, la version anglaise prévaut.

Ingingo ya 15: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'aya mabwiriza

Article 15: Repealing provision

Article 15: Disposition abrogatoire

Ingingo zose z'amabwiriza abanziriza iri kandi zinyuranyije na yo zivanyweho.

All prior regulatory provisions contrary to this regulation are hereby repealed.

Toutes les dispositions réglementaires antérieures contraires au présent règlement sont abrogées.

Ingingo ya 16: Igihe amabwiriza atangira gukurikizwa

Article 16: Commencement

Article 16: Entrée en vigueur

Aya mabwiriza atangira gukurikizwa ku muni atangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

This Regulation shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Le présent règlement entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, kuwa 20/12/2012

Kigali, on 20/12/2012

Kigali, le 20/12/2012

(sé)

SENDAHANGARWA John Bosco

Umuyobozi Mukuru w'Urwego Ngenzuramikorere rw'imirimu ikorerwa ahantu hahariye mu by'Ubukungu mu Rwanda

(sé)

SENDAHANGARWA John Bosco

Head of Special Economic Zones Regulatory Authority of Rwanda

(sé)

SENDAHANGARWA John Bosco

Directeur Général de l'Office de Régulation des Zones Economiques Spéciales du Rwanda

AMABWIRIZA N° 04/2012/SEZAR YO KUWA 20/12/2012 Y'URWEGO NGENZURAMIKORERE RW'IMIRIMO IKORERWA AHANTU HIHARIYE MU BY'UBUKUNGU MU RWANDA (SEZAR) AREBANA N'ISHYIRWAHO RY'AHANTU HIHARIYE MU BY'UBUKUNGU MU RWANDA (SEZ)

REGULATION N° 04/2012/SEZAR OF 20/12/2012 OF THE RWANDA SPECIAL ECONOMIC ZONES REGULATORY AUTHORITY (SEZAR) ON THE DESIGNATION OF SPECIAL ECONOMIC ZONES IN RWANDA (SEZ)

REGLEMENT N° 04/2012/SEZAR DU 20/12/2012 DE L'OFFICE DE REGULATION DES ZONES ECONOMIQUES SPECIALES AU RWANDA (SEZAR) SUR LA DESIGNATION DES ZONES ECONOMIQUES AU RWANDA (SEZ)

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

Ingingo ya mbere: icyo aya amabwiriza agamije

Article One: Purpose of this Regulation

Article premier: Objet du présent règlement

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Article 2: Definition of terms

Article 2: Définition des termes

Ingingo ya 3: Inyandiko isaba ishyirwaho rya Zone

